



# Ubutwari bwa Nangila

Violet Otieno
Vusi Malindi


Tr: Francine Muhawenimana

Kinyarwanda


African Storybook.org




Kera cyane, hari umugabo wari ufite igikomere gikomeye ku akaguru. Ntiyashoboraga guhagarara cyangwa kugenda.  Uyu mugabo yabaga mu mudugudu hamwe n'umugore we hamwe n'abana babo.



Abashakanye babyaranye abahungu batatu n'umukobwa umwe. Umukobwa yitwaga Nangila. Inshingano ye yari iyo kwita kuri se. Abahungu bakoraga ku butaka bakaragira n’ amatungo.



Nangila yari umukobwa mwiza. Abaturage bose baramukundaga kandi baramwubaha. Ababyeyi be bifuzaga umugabo mwiza kuri Nangila.  Bashyizeho akazi katoroshye kugirango babone umugabo ukwiye.




Umuntu wese ushaka kurongora Nangila yagomba kubona ibyatsi mu kiyaga cyegereye umudugudu. Iki cyatsi cyakiza igikomere cya se. Ariko ikiyaga cyari cyuzuye imyuka mibi.




Abagabo bamwe bagerageje kubona ibyatsi ariko baragaruka batabifite.

Abagabo bamwe ntibagarutse na gato ku kiyaga.




Nangila yumvise afite impungenge. Ndetse na basaza be ntibari kujya ku kiyaga. Umunsi umwe, yahisemo kuzana ibyatsi wenyine. Nyina ati: "Mukobwa wanjye, niba abagabo bakomeye bananiwe, uzabigeraho ute?"

Ariko Nangila yari yafashe icyemezo.




Mu nzira igana ku kiyaga, Nangila yahuye n'umukecuru witwaje inkwi. Yafashije umukecuru gutwara inkwi. Umukecuru yarishimye.

Abwira Nangila ati:  "Ndakubwira uko wagera ku kiyaga cy'umwuka n'icyo gukora ugezeyo."




Ageze ku nkombe z'ikiyaga, Nangila abona umuryango w'umwuka unywa kandi ubyina. Yararindiriye arareba. Umwe umwe, imyuka irasinzira.



Imyuka yose imaze gusinzira,  Nangila yibira mu kiyaga.  Yabonye ibyatsi abishyira mu gikapu cye.  Amaze koga asubira ku butaka, imiraba yariyongereye.




Nangila ageze ku nkombe imyuka yari ikangutse.  Aratinya, ariko yaririmbye in dirimbo umukecuru  yamwigishije ati: "Njyewe, umukobwa wa Wekesa, nkomoka mu kiyaga.  Naje  kubera ko abagabo bafite ubwoba bwo kuza. Data akeneye iki cyatsi kugira ngo akize igikomere cye.  Niyo mpamvu Ndi hano, mu gihugu aho benshi batinya kuhagera, kuko muri abategetsi."



Ijwi rya Nangila ryararyoshye kuburyo imyuka yamusabye kubaririmbira kenshi.  Kuririmba kwe kwasubije imyuka gusinzira.

Hanyuma Nangila yiruka vuba cyane agera mu mudugudu we.



Abantu bose bari bategereje ko Nangila agaruka.  Nyuma yo kuvura igikomere cye nicyatsi se yashoboye kongera guhagarara.  Umudugudu wose warabyinnye kandi ushima Nangila.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Ubutwari bwa Nangila

**Umwanditsi** -- Violet Otieno
**Icyitegererezo** -- Vusi Malindi
**Ubuhinduzi** -- Francine Muhawenimana
**Ururimi** -- Ikinyarwanda
**Urwego** -- Paragarafu ndende

© African Storybook Initiative 2015
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
Inkomoko www.africanstorybook.org

**2023.09.20**